# REPUBLIC OF RWANDA

**RWANDA UTILITIES REGULATORY AGENCY**
**P.O. BOX 7289 KIGALI**
**PHONE: +250 252 58 45 62 ; FAX: +250 252 58 45 63**
**E-mail: arms@rwanda1.com**
**Website : www.rura.gov.rw**

# AMABWIRIZA Nº006/TRANS-RURA/2011 YO KUWA 16/09/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMWUGA WO GUTWARA IBINTU KU BUTAKA BW'U RWANDA`

***Ishakiro***

Ingingo ya mbere: Intego ..... 2
Ingingo ya 2: Abo areba ..... 2
Ingingo ya 3: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara ibintu ..... 2
Ingingo ya 4: Ibigaragara ku ruhushya rwo gutwara ibintu ..... 5
Ingingo ya 5 :Ibyo abakora umwuga bagomba kubahiriza ..... 5
Ingingo ya 6: Igihe ntarengwa cyo kubona ibyangombwa ..... 5
Ingingo ya 7: Igihe Uruhushya rumara ..... 5
Ingingo ya 8: Ibihano ..... 6
Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza ..... 6
Ingingo ya 10: Ishyirwa mu bikorwa ..... 6
UMUGEREKAUGENA UBURYO UMUNTU UKORA KU GITI CYE UMWUGA WO GUTWARA IBINTU YISHYURA UMUSANZU WA 1% ..... 7

# AMABWIRIZA N$^{O}$006/TRANS-RURA/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMWUGA WO GUTWARA IBINTU KU BUTAKA BW'U RWANDA

Inama Ngenzuramikorere ya RURA mu nama yayo yo kuwa 16 Nzeli 2011;

Ishingiye ku masezerano y'akarere agenga ubwikorezi n'icishwa ry'ibintu mu bihugu bitanze amahoro ku muhora w'amajyaruguru, cyane cyane amasezerano ya gatandatu yuzuza agenga ubwikorezi bw'ibintu, binyuzwa mu nzira y'ubutaka;

Ishingiye ku Itegeko n$^{o}$ 39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura Imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro; cyane cyane mu ngingo zaryo iya, iya mbere, iya 3, iya 5, n'iya 6;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo kuwa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo;

Ishingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri n° 4/DC/04 ryo kuwa 07/06/2004 rigena umusanzu urihwa buri mwaka n'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

Imaze kubona ko ari ngombwa kunoza umwuga wo gutwara ibintu mu Rwanda;

Ishingiye kandi ku myanzuro y'inama yo ku wa 18/05/2010 yahuje Ikigo Ngenzuramikorere n'abakora umwuga wo gutwara ibintu mu Gihugu;

Ishingiye kandi ku myanzuro y'inama zo kuwa 23/12/2010 no kuwa 19/01/2011 zahuje Ikigo Ngenzuramikorere, urugaga rw'abikorera n'Inzego za Leta zirebwa n'umwuga wo gutwara ibintu mu Rwanda,

## ISHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

### Ingingo ya mbere : Intego

Aya mabwiriza agena imikorere y'umwuga wo gutwara ibintu ku butaka bw'u Rwanda.

### Ingingo ya 2 : Abo areba

Aya mabwiriza areba abantu ku giti cyabo n'ibigo by'ubucuruzi bikora cyangwa byifuza gukora umwuga wo gutwara ibintu ku butaka bw'u Rwanda.

### Ingingo ya 3: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gutwara ibintu

***3.1 Ibisabwa umuntu ukora ku giti cye***

Umuntu wifuza uruhushya rwo gutwara ibintu agomba kugaragaza ibi bikurikira ;

1) Icyemezo cy'imiterere y'ikinyabiziga gisabirwa uruhushya, kigaragaza ko icyo kinyabiziga ari kizima (certificat de contrôle technique);

2) Ubwishingizi bw'ikinyabiziga gitwara imizigo butari munsi y'igihe cy'amezi atandatu
3) Indangamimerere y'ikinyabiziga (carte jaune);
4) Inomero iranga Umusoreshwa (TIN number);
5) Inyemeza-bwishyu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) yo kwiyandikisha atangwa rimwe yishyurwa kuri konti n$^{o}$ 120.11.27 y'Ikigo Ngenzuramikorere iri muri Banki Nkuru yu Rwanda (B.N.R );
6) Inyemeza-bwishyu y'amafaranga y'uruhushya atangwa ku buryo bukurikira:

| **Ubushobozi bw'ikinyabiziga** | | **Amafaranga y'uruhushya** |
|---|---|---|
| Ikinyabiziga gitwara : | 1 toni | 20,000 Frw |
| Hilux : | 1,5 toni | 20,000 Frw |
| Dyna/Isuzu/Toyota Stout( Quatre pneus) : | 2 toni | 20,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 2,5 toni | 20,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 3 toni | 20,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 3,5 toni | 20,000 Frw |
| Daihatsu/Dyna/Fuso/Isuzu (Six pneus) : | 4 toni | 20,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 4,5 toni | 20,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 5 toni | 20,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 5,5 toni | 30,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 6 toni | 30,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 6,5 toni | 30,000 Frw |
| Fuso Long chassis( Six pneus) : | 7 toni | 30,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 7,5 toni | 50,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwata : | 8 toni | 50,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwata : | 8,5 toni | 50,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 9 toni | 50,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 9,5 toni | 70,000 Frw |
| Camions:Fuso/Benz/Isuzu/Fiat..(Six pneus): | 10 toni | 70,000 Frw |
| Ikamyo itwara : | 11 toni | 80,000 Frw |
| Ikamyo itwara : | 12 toni | 80,000 Frw |
| Camions: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat/... (Dix pneus) : | 15 toni | 100,000 Frw |
| Remorque : | 15 toni | 100,000 Frw |
| Camions-Trailler: | 30 toni | 100,000 Frw |

7) Kumenyekanisha aho icyo kinyabiziga kizabarizwa (Parking).

### *3.2 Ibisabwa ikigo gikora umwuga wo gutwara ibintu*

Ikigo cyifuza uruhushya rwo gutwara ibintu kigomba kugaragaza ibi bikurikira:

1. Umubare w'ibinyabiziga ushingiye ku bushobozi bwa buri kinyabiziga, ku buryo bukurikira:

| **Ubushobozi bw'ikinyabiziga** | | **Umubare w'ibinyabiziga** |
|---|---|---|
| Ikinyabiziga gitwara: | 1 toni | 4 |
| Hilux : | 1,5 toni | 4 |
| Dyna/Isuzu/Toyota Stout( Quatre pneus) : | 2 toni | 4 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 2,5 toni | 4 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 3 toni | 4 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 3,5 toni | 4 |
| Daihatsu/Dyna/Fuso/Isuzu (Six pneus) : | 4 toni | 4 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 4,5 toni | 4 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 5 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 5,5 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 6 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 6,5 toni | 3 |
| Fuso Long chassis (Six pneus) : | 7 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 7,5 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwata : | 8 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwata : | 8,5 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 9 toni | 3 |
| Ikinyabiziga gitwara : | 9,5 toni | 2 |
| Camions:Fuso/Benz/Isuzu/Fiat..(Six pneus): | 10 toni | 2 |
| Ikamyo itwara : | 11 toni | 2 |
| Ikamyo itwara : | 12 toni | 2 |
| Camions: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat/... (Dix pneus) : | 15 toni | 2 |
| Remorque : | 15 toni | 2 |
| Camions-Trailler: | 30 toni | 2 |

2. Kugaragaza icyemezo cy'uko sosiyete yanditse mu gitabo cy'ubucuruzi "Certificat de registre de commerce",
3. Icyemezo cy'ubuzima gatozi kuri koperative
4. Kugaragaza Inomero iranga umusoreshwa (TIN number);
5. Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan) w'imyaka 5
6. Kugaragaza aho ibinyabiziga bya sosiyete biparika (parking)
7. Inyemeza – bwishyu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu y'u Rwanda (50,000 Rwf) yo kwiyandikisha atangwa rimwe yishyurwa kuri konti n$^{o}$ 120.11.27 y'Ikigo Ngenzuramikorere iri muri Banki Nkuru yu Rwanda (B.N.R );
8. Inyemeza–bwishyu y'amafaranga y'uruhushya angana n'ibihumbi 200,000 Rwf.

Amafaranga y'uruhushya atangwa nyuma yo kumenyeshwa ko usaba uruhushya yarwemerewe.

**Ingingo ya 4: Ibigaragara ku ruhushya rwo gutwara ibintu**

Uruhushya rwo gutwara Ibintu rugaragazwaho ibi bikurikira:

1. Nomero iranga Ikinyabiziga
2. Izina n'aho Umwikorezi abarizwa
3. Igihe uruhushya rumara
4. Itariki uruhushya rwatangiweho
5. Aho ikinyabiziga kibarizwa.

**Ingingo ya 5 : Ibyo abakora umwuga bagomba kubahiriza**

1. Buri wese ukora umwuga wo gutwara ibintu agomba kubahiriza ibiciro byashyizweho n'Ikigo Ngenzuramikorere ;
2. Kutavanga ibintu n'abantu mu kinyabiziga kimwe;
3. Kumenyesha Ikigo Ngenzuramikorere ihindura ry'aho abarizwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7);
4. Gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere raporo ndangamiterere (Technical report/Rapport Technique) y'ikinyabiziga buri mezi atandatu ;
5. Gushyikiriza Ikigo Ngenzuramikorere raporo yerekeranye n'ubucuruzi bakora buri mwaka (Financial report/Rapport Financier) ku bakora ku buryo bw'ibigo bitarenze tariki ya 31 Werurwe ya buri mwaka;
6. Kwishyura buri mwaka umusanzu ungana na 1% ry'umubare w'ibyacurujwe ateganywa n'Iteka rya Minisitiri nº 4/DC/04 ryo ku wa 07/06/2004 atangwa mbere y'itariki ya 30 Kamena ya buri mwaka. Ku bakora umwuga wo gutwara ibintu bakora ku giti cyabo, umusanzu za 1% utangwa hakurikijwe imbonerahamwe iri ku mugereka w'aya mabwiriza.
7. Raporo y'ishyira mu bikorwa y'umushinga w' ubucuruzi bitarenze tariki ya 31 Werurwe ya buri mwaka

**Ingingo ya 6: Igihe ntarengwa cyo kubona Uruhushya**

Ukora umwuga wo gutwara ibintu wese washyikirije Ikigo Ngenzuramikorere ibisabwa muri aya mabwiriza, ahabwa uruhushya mu minsi irindwi (7) uhereye igihe yatangiye dosiye ye yuzuye. Byarenza igihe kivugwa muri iyi ngingo agahabwa ibisobanuro.

Impushya zose zivugwa muri aya mabwiriza zitangwa n' Umuyobozi w' Ikigo Ngenzuramikorere.

**Ingingo ya 7 : Igihe Uruhushya rumara**

Uruhushya rumara igihe cy'umwaka umwe cyongerwa.

**Ingingo ya 8 : Ibihano**

Buri muntu cyangwa ikigo gikora umwuga wo gutwara ibintu kigomba kubahiriza ibikubiye muri iki cyemezo.

Bitabangamiye ibindi bihano biteganywa n'andi mategeko akurikizwa mu itwara ry'ibintu, ukutubabiriza aya mabwiriza bihanishwa ihazabu iri hagati y'amafaraganga y' u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) n' amafaranga y' u Rwanda ibihumbi Magana abiri ( 200.000 Frw).

**Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ibyemezo bibanziriza kandi binyuranye n'aya mabwiriza bivanyweho.

**Ingingo ya 10: Ishyirwa mu bikorwa**

Aya mabwiriza azagitangira gushyirwa mu bikorwa uhereye itariki ashyiriweho umukono.

**Kigali kuwa 17/10/2011**

**KAZIGE Eugène**
**Perezida w'Inama Ngenzuramikorere**

**UMUGEREKAUGENA UBURYO UMUNTU UKORA KU GITI CYE UMWUGA WO GUTWARA IBINTU YISHYURA UMUSANZU WA 1%**

| **Ubushobozi bw'ikinyabiziga** | | **Amafaranga yishyurwa ya 1%** |
|---|---|---|
| Ikinyabiziga gitwara : | 1 toni | 15,000 Frw |
| Hilux : | 1,5 toni | 22,500 Frw |
| Dyna/Isuzu/Toyota Stout( Quatre pneus) : | 2 toni | 30,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 2,5 toni | 37,500 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 3 toni | 45,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 3,5 toni | 52,500 Frw |
| Daihatsu/Dyna/Fuso/Isuzu (Six pneus) : | 4 toni | 60,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 4,5 toni | 67,500 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 5 toni | 75,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 5,5 toni | 82,500 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 6 toni | 90,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 6,5 toni | 97,500 Frw |
| Fuso Long chassis( Six pneus) : | 7 toni | 136,500 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 7,5 toni | 146,250 Frw |
| Ikinyabiziga gitwata : | 8 toni | 156,000 Frw |
| Ikinyabiziga gitwata : | 8,5 toni | 165,750 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 9 toni | 175,500 Frw |
| Ikinyabiziga gitwara : | 9,5 toni | 185,250 Frw |
| Camions:Fuso/Benz/Isuzu/Fiat..(Six pneus): | 10 toni | 195,000 Frw |
| Ikamyo itwara : | 11 toni | 214,500 Frw |
| Ikamyo itwara : | 12 toni | 234,000 Frw |
| Camions: Fuso/Benz/Isuzu/Fiat/... (Dix pneus) : | 15 toni | 292,500 Frw |
| Remorque: | 15 toni | 292,500 Frw |
| Camions-Trailler: | 30 toni | 585,000 Frw |

***BIBONYWE KUGIRA NGO BISHYIRWE KU MUGEREKA W'AMABWIRIZA N$^{O}$006/TRANS-RURA/2011 YO KUWA 16/09/2011 AGENA IMIKORERE Y'UMWUGA WO GUTWARA IBINTU KU BUTAKA BW'U RWANDA***

**Kigali kuwa 17/10/2011**

**KAZIGE Eugène**
**Perezida w'Inama Ngenzuramikorere**